# 70: Nimuze mwese kumv' inkuru nziza

1. Nimuze mwese kumv' inkuru nziza Z'agakiza kabwirizwa none. Yesu yabasanze :Arabashaka; Namwe muh' Umwami Imitima.

2. Mwitinyishwa n'uko mufit' ibyaha,Ngw azabang' abater' umugongo; Ntabwo yabigira :Yasezeranye Kwikir' uwihannye Umwizera.

3. Ni W' ubwe wizanye gukiz' abantu;Yavuye ku Witek' aza mw isi. Ngo tubon' ijuru,Yaradukunze; Yaratubambiwe;Yaravumwe!

4. Abwira bos' ati : Jye nd' Ubugingo,Kand' unyizera wese ntazapfa. Nzamuha kubaho Mu bwami bwanjye; N'urupfu nzamuha Kurunesha.

Visit us at indirimbo.com